# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

No108 Nyakanga 2015



## IMITWE YA POLITIKI IGIRA URUHARE RUGARAGARA MU ITERAMBERE RY'IGIHUGU CYACU

Ibi n'ibyagarutsweho mu kiganiro mbwirwaruhame "*Dusangire ijambo"* cyateguwe n'Ihuriro, cyatambutse kuri Televisiyo y'Urwanda na TV1 no ku maradiyo anyuranye ariyo Radiyo Rwanda, Radiyo Contact FM, Radiyo Isango Star na Radiyo 'One' ku wa gatatu Tariki ya 01 Nyakanga 2015 ubwo u Rwanda rwizihizaga umunsi w' Ubwigenge.




*Abatanze ikiganiro mbwirwaruhame Dusangire ijambo*

Iki kiganiro cyatanzwe n'Umuvugizi w'Ihuriro Bwana KAYIRANGA MUKAMA Alphonse ari kumwe n'izindi nararibonye mu bya politiki Hon. RUTAREMARA Tito, Hon. IYAMUREMYE Augustin na Hon. MUKABARANGA Agnes.

Mu gutangira ikiganiro Umuvugizi w'Ihuriro yavuze ko icyo kiganiro kiri bwibande ku Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu Rwanda mbere y'Ubwigenge, Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu gihe cya Repubulika ya mbere n'iya kabiri n'Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu kubaka iterambere ry'Igihugu nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Izi nararibonye zagaragaje ko tariki ya 01 Nyakanga 1962, aribwo u Rwanda rwahawe ubwigenge n'Abakoloni bari bararugize imbata. Abo bakoloni n'abaje babunganira, basigiye byinshi kandi basigamo byinshi bibi abanyagihugu; harimo n'ingengabitekerezo ya za politiki zishingiye ku ivangura no kubiba amacakubiri mu banyarwanda. Bavuze ko izo politiki zishingiye ku bitekerezo bigufi ari nazo zaranze abanyapolitiki n'amashyaka yavutse muri za 1959; agabiwe ubutegetsi n'abo bakoloni ahugira mu guhembera urwango n'amacakubiri, aho guharanira ubusugire bw'Igihugu n'iterambere ry'abagituye byagombaga kuranga ubwigenge nyakuri, aho bagaragaje ko ibi byose byaje kubyara Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'i 1994.

Ku ruhare rw'Imitwe ya Politiki mu gihe cya Repubulika ya mbere n'iya kabiri bagaragaje ko Ubutegetsi bwa Kayibanda bwaranzwe no gutuka no gutesha agaciro abatutsi, gushyira iterabwoba ku batutsi, kwica abatutsi no kubirukana mu mashuri no mu kazi. Ubutegetsi bwa Habyarimana, bwitwaje guharanira ubumwe n'amajyambere y'Igihugu, bavuze ko yashyizeho ishyaka rimwe rukumbi, aho atashoboye kwigobotora bya bitekerezo bigufi bishingira ku macakubiri, yimakaza iringaniza riheza, rikanatonesha bamwe. Bakomeje bereka abanyarwanda bakurikiye ibi bitangazamakuru ko iri shyaka ryaje kwiharira ubutegetsi kugeza mu w'1991 ubwo Leta yemeraga ihame ry'amashyaka menshi nyuma yo kwotswa igitutu n'intambara ya FPR-Inkotanyi ndetse n'umuryango mpuzamahanga.

Mu kugaragaza uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu kubaka iterambere ry'Igihugu nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abatanze ikiganiro bagaragaje ko kwibohora ingoyi y'izo politiki z'amacakubiri byasabye urugamba rurerure rwatangiye mu Ukwakira 1990 ruyobowe n'Umuryango FPR-Inkotanyi; rurangira muri Nyakanga 1994, ubutegetsi by'igitugu bwirukanywa burundu mu Rwanda. Bavuga ko Tariki ya 04 Nyakanga ari bwo twizihiza buri mwaka Ukwibohora kw'Igihugu cyacu cyasubiranye ubusugire cyari gisanganywe kuva kera, umunyarwanda yongera kugira ishema ry'Igihugu cyamubyaye. Bashimangiye ko agaciro k'aya matariki ngarukamwaka ari uko akwiye kutubera umwanya wo kuzirikana amateka yacu ariko tunareba imbere kuko urugamba rundi twatangiye rwo kubaka iterambere rirambye ry'Igihugu cyacu narwo rusaba ubutwari no kugikunda n'Abagituye.

Muri uru rugamba, buri munyarwanda wese ubishaka afitemo uruhare; yaba ukuze, yaba ukiri umuto ndetse n'uzavuka ejo n'ejobundi, afite amahirwe yo kugaragaza ubutwari bwe aharanira ibyiza ku Rwanda. Bavuze ko n'Imitwe ya politiki ubwayo, yaba iyitabiriye kurwanya ubutegetsi bw'igitugu bwakoze Jenoside, yaba Imitwe ya politiki yavutse nyuma ya 1994 ndetse n'Imitwe mishya ivuka ubu, uruhare rwayo mu kubaka u Rwanda rushya ruragaragara, bavuga ko Imitwe ya politiki igira uruhare mu gushyiraho politiki na porogaramu ziharanira ivugurura ry'ubukungu, kuzamura amajyambere y'icyaro, guhangira urubyiruko imirimo n'imiyoborere myiza ari zo nzego enye zibandwaho muri iki cyiciro cya kabiri cy'ingamba z'Iterambere ry'ubukungu no kurwanya ubukene (EDPRS)

Mu gusoza bagaragaje ko Ihuriro rishishikajwe no kugaragariza Abanyarwanda ko Imitwe ya Politiki itazongera guteshuka ku nshingano ihabwa n'Itegeko Nshinga zo kubumbatira iteka ubumwe bw'Abanyarwanda n'ubusugire bw'Igihugu, ko ahubwo rikomeza kuba inkingi y'iterambere rirambye ry'Igihugu cyacu.

## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YAMAGANYE IFATWA N'IFUNGWA RYA Gen. KARENZI KARAKE

Ku wa kane, tariki ya 09 Nyakanga 2015, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yarateranye, iyobowe n'Umuvugizi waryo Bwana KAYIRANGA MUKAMA Alphonse. Muri iyi nama, abayigize bahawe ikiganiro na Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda kuri "Politiki na Gahunda z'Igihugu zo guteza imbere ishoramari mu cyaro"; banasuzuma kandi bemeza Inyandiko y'Igenamigambi ry'Ibikorwa by'I-huriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2015/2016 n'umushinga w'ingengo y'imari yabyo.

Mu kiganiro cyatanzwe na Minisitiri KANIMBA Francois, kuri "Politiki na Gahunda z'Igihugu zo guteza imbere ishoramari mu cyaro" yagarutse ku ngamba zo guhuza abahinzi n'inganda zitunganya umusaruro wabo; ku ruhare rw'amakoperative mu guteza imbere ishoramari mu cyaro n'ingamba zishyirwaho mu gufasha ibigo bito n'ibiciriritse no ku buryo bwo korohereza abahinzi n'aborozi ku-bona inguzanyo mu bigo by'imari.



*Abagize Inama Rusange y'Ihuriro*



*Bwana Francois KANIMBA, Minisitiri w'Ubucuruzi*

Mu kungurana ibitekerezo, Inama Rusange yashi-mye politiki na gahunda z'Igihugu zo guteza imbere ishoramari mu cyaro, isaba ko hanozwa ihuzabikorwa n'ikurikiranabikorwa ryazo kugira ngo zigere kubo zagenewe. Ikindi, Inama Rusange isanga Leta ikwiye gukomeza gushishikariza abacuruzi bo mu Gihugu kongera umusaruro w'ibicu-ruzwa byoherezwa hanze kugira ngo hagabanywe ikigereranyo cy'ubusumbane hagati y'ibyinjira n'ibisohoka; Leta kandi ikaba ikwiye gukangurira ibigo by'ubwishingizi kwitabira gukorana n'abahinzi n'aborozi hashyirwaho ingamba zigamije kunoza imikoranire n'icyizere mu guteza imbere ishoramari mu cyaro.

### INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YASHYIKIRIJWE UMUSHINGA W'IGENAMIGAMBI RY'IBIKORWA N'UMUSHINGA W'INGENGO Y'IMARI YABYO

Abagize Inama Rusange, nyuma yo kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald umushinga w' Inyandiko y'Igenamigambi ry'Ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2015/2016 n'umushinga w'ingengo y'imari yabyo, abagize Inama Rusange bemeje iyo mishinga yombi bamaze kuyikorera ubugororangingo. Ingengo y'imari yabyo igizwe n'inkunga itangwa na Leta hamwe n'inkunga itangwa n'Umury-ango wa UNDP/ONE UN.



*Bwana BURASANZWE Oswald, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro*

### Gen. Emmanuel KARENZI KARAKE NAREKURWE NTA YANDI MANANIZA

Muri iyi Nama rusange kandi abayigize baganiriye ku ifatwa n'ifungwa rya Lt. Gen. Emmanuel KARENZI KARAKE; umwe mu basirikare bakuru b'Ingabo z'u Rwanda, akaba n'Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Umutekano n'Iperereza (National Intelligence and Security Services), wagize uruhare mu guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi, wanagize kandi uruhare mu kubungabunga amahoro n'umutekano mu rwego mpuzamahanga akaba yarafatiwe mu Gihugu cy'Ubwongereza tariki 20 Kamena 2015 ari mu butumwa bw'akazi afite uruhushya ariko akaregwa ibirego bidafatika byanenzwe n'isi yose.
Mu itangazo Inama Rusange yashyize ahagaragara yamaganye byimazeyo ifatwa rya Lt. Gen. Emmanuel Karenzi Karake; ifatwa rishingiye ku mpapuro z'Umucamanza Fernando Andreu Merelles zo kuwa 06 Gashyantare 2008, zakozwe ku buryo bunyuranije n'amategeko mpuzamahanga, nko kuba atarigeze agera mu Rwanda ngo akore iperereza nk'uko biteganywa, ahubwo zigashingira ku binyoma by'abagize uruhare mu itegurwa no mu ishy-irwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi, n'abandi bahunze kubera ibyaha bitandukanye basize bakoze mu Rwanda; Inama Rusange isaba Leta y'Ubwongereza guhita irekura Lt. Gen. Emmanuel Karenzi Karake nta yandi mananiza.

## IMITWE YA POLITIKI IGIZE IHURIRO YEMERA KO INGINGO YI 101 Y'ITEGEKO NSHINGA IVUGURURWA

Mu nama idasanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyungu-ranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki yateranye ku wa kane tariki 30 Nya-kanga 2015, yagiranye ibiganiro n'itsinda ry'Abasenateri ryoherejwe mu Ihuriro muri gahunda y'ibiganiro byaguye Abasenateri bari kugirana n'a-baturage bo mu byiciro bitandukanye, kugira ngo bagirane nabo ibiganiro byaguye, ku busabe bwakiriwe n'Inteko Ishinga Amategeko bwerekeye ivugururwa ry'ingingo ya 101 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda yo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu

Umuyobozi w'iri tsinda Hon. TITO RUTAREMARA yabwiye abitabiriye inama ko ibi biganiro bigizwe n'ibice bibiri aribyo ; gutanga ibitekerezo no kwemeza cyangwa kwanga ko ingingo ya 101 yo mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda yo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu yavugururwa no gutanga ibitekerezo by'uko iyo ngingo yak-wandikwa kubemera ko yavugururwa.

Icyagaragaye n'uko abitabiriye iyi nama bose bemeza ko iyi ngingo ya-vugururwa gusa Ishyaka Riharanira Demokarasi no Kurengera Ibidukikije (DGPR) ryagaragaje ko n'ubwo ryifuza ko manda yava ku myaka irindwi (7) ikajya ku myaka itanu (5), ritifuza ko umubare wa mbanda wahinduka ngo uve kuri manda ebyiri (2) zibe zarenga mu rwego rwo gushyigikira ihame ryo guhererekanya ubutegetsi mu mahoro no gushimangira ihame rya demokarasi.

Indi Mitwe ya politiki ariko siko yabibonaga kuko yo yemerega ko ingingo yahinduka ; imyinshi ikemeza ko iyo ngingo yafungurwa, uwiyamamaza ntazitirwe n'umubare wa Manda mu gihe ayobora neza abaturage bak-abigaragariza mu matora kandi igihe cya manda kikaba imyaka irindwi. Abari muri iyi nama kandi bashimye imiyoborere ya Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, bagaragaza ko intambwe ishimishije u Rwanda rugezeho ari we Igihugu kibikesha kubera ubush-ishozi no kureba kure bimuranga, bityo rero ngo gukora neza ntibigomba kuba inzitizi